

Identification : **RTL** **0133** **24/05/94**

Duration : **90 min.**

Quality : **Good**

Transmission : **RTL**

Name of transcriber : **MUTETELI Pénine-Joie**

Name of file : **0133rtlm.wpd**

Date of transcription : **21/4/2000**

Dictaphone : **ExpressWriter Model 2750-6SN516525-51**

CONTENU DE LA CASSETTE RTLM 0133 24/05/94**FACE A:**

* NKURUNZIZA Ananie de la RTLM compare les attaques des Inkotanyi, qui datent des années 1960, au feu de pailles ou de feuilles de bananiers.

* Les Rwandais, après avoir découvert la malignité du FPR, se sont décidés de se lever comme un seul homme pour défendre la souveraineté territoriale. Le journaliste HABIMANA Kantano les invite à éviter les faux bruits des gens qui les incitent à quitter leurs biens ou leur positions pour aller se réfugier ailleurs, soi-disant que le FPR est proche. Ainsi, la RFI n'aura plus rien à publier.

* Commentaires des journalistes Kantano et Ananie sur la défaite qu'a essuyé le FPR lors des attaques qu'il a menées à Kabakene, Muhima.

* Le FPR qui se dit "le mouvement du guérilla", la population s'en éloigne car il y choisit les gens à tuer, même les vieillards. NKURUNZIZA Ananie se demande s'il va gouverner les montagnes et que même s'il invite les nations étrangères en criant, les FAR vont remporter. NKURUNZIZA remercie la population de leur bravoure.

* Le journaliste HABIMANA Kantano s'inquiète de ce que l'Amnistie internationale s'intéresse du seul côté des Inkotanyi et n'attire pas son regard aux Hutus qui sont massacrés par le FPR et trouve que les auteurs du malheur rwandais sont ceux qui ont tué le président et le FPR qui a repris les hostilités.

* Les Tutsis, après avoir passé 2 mois ensemble avec les Hutus, sont enlevés par le FPR. Le journaliste Kantano est inquiet de ce qu'ils peuvent tomber dans les embuscades alors qu'ils n'ont pas de raison de se sauver.

Il continue qu'il faut empêcher la jeunesse de Biryogo, Rwampara, Kimisagara et ailleurs, à ne pas quitter leur positions pour aller se réfugier car si les FAR trouveraient la nécessité, ils leur traceraient la brèche pour les aider à se sauver.

FACE B:

* Le FPR a essuyé les échecs dans les attaques menées à Muhima, Rugenge, Kanogo et Rwampara. Commentaires de NKURUNZIZA Ananie de la RTLM.

* Selon HABIMANA Kantano de la RTM, les déplacés de Gitarama commencent à regretter car la vie est très chère là-bas et ne savent pas comment retourner dans leurs biens.

* Kantano trouve que les complices dans l'armée travaillent pour le camp du FPR à cause des avantages qu'ils attendent du gouvernement TWAGIRAMUNGU. Il donne comme conseil de leur donner d'autres attributions.

* Le FPR massacre les militaires et les membres de leurs familles. Kantano trouve qu'il faut la coalition pour remporter sur lui.

* NKOMATI de la RTLM encourage la population et les militaires à la bravoure.

FACE A

Orateur : NKURUNZIZA Ananie, journaliste de la RTL. 00min00sec

... muri iyo myaka ya mirongo itandatu, nabivuze byabaye mu mwaka wa mirongo itandatu na gatandatu n'uwa karindwi agace gato irahagarara kuko bari bamaze gucika intege. Nyamara ntabwo basinziriye, kuko mu myaka ya mirongo irindwi na kabiri ni bwo twatangiyeye kumenya ko bisu.zu...ganyaga. Ibyo bintu byaravuzwe icyo gihe, ndetse icyo gihe baba baranateye ariko habura gato kubera ko bari bashyigikiwe na AMINE twabonye yuko... na we ubwo yari amaze umwaka afashe ubutegets, hanyuma ntibadutera bakomeza ..kwisu.zu...ganya.

Ni ko kuvuga rero mu yandi magambo niba turwana uyu muni muri mirongo urwenda na kane, ko ako gatsiko k'agatutsi... k'a... k'Abatutsi, ba bana b'abarwanaga muri revolisiyo b'abuzukuru babo ko batigeze na rimwe bagamburuzwa ngo bareke ya ngeso yabo yo gushaka gufata ubutegets, ya ngeso yabo yo gushaka kurya iby'ubusa batahinze nk'uko bari... bari guhengerabaturage bacu bejeje bakagenda bakabanga na kalachnikov bagasarura. Nakubwiraga ejo abari bataze inzoga hariya ku Gisozi.

Kurya imitsi y'abantu rero, iyo ngeso barayifite. Nyamara natwe, muri cya gice cy'imbaga nyamwinshi y'abarwaniraga Repubulika, barwanira demokarasi, harimo abagabo benshi. Bamwe barashaje:

- Ndabona nka Gerigore KAYIBANDA.
- Ndabona nka Yozefu HABYALIMANA GITERA.
- Ndabona nka ba Balitazari BICAMUMPAKA.
- Rusiyane NIBASEKE.
- SEBAZUNGU Isidori.
- Karoli BYUNGURA.
- Welarisi BANZI.
- HABYARIMANA Yuvenali.
- Amiyeli RUTABAGISHA.

- Anasitazi MAKUZA, n'abandi umuntu atarondora.

Gusa aba, ari abakiriho bashaje bamaze kugira intege nke nako bageze mu maremba y'ubuzima, ariko na bo bafite abana. Ikibazo rero umuntu yakwibaza, ese abo bana b'Abahutu bariho ubu bo bafite umurage w'ababyeyi babo? Dufite umurage w'abo bakurambere bacu b'abarwanashyaka? Ntabwo umuntu yasubira u... mu byo bakoze bakora revolisiyo. Bakoze revolisiyo batagendera mu merisedesi, akenshi bagenzaga ibirenge bakazahurira i Gitarama twigeze tubivuga inshuro nyinshi. Twabitaga..., ndetse twari twabise "*Abasangirangendo*". 02min03sec

Ese mu mutima wacu, ko bene Gatutsi bafite imigambi yabo, natwe dufite imigambi yacu? Aha rero njyewe e... ku bwanjye navuga mfite icyizere, iyo urebye iyi Guverinoma dufite y'abatabazi, Guverinoma y'abatabazi iri kugenda ishyiraho ubutegetsi bucikanyaye, iyo urebye aba baturage twiriranwa ku mabariyeri, ukareba ukuntu bafite umurava, banyagirwa ariko ntibave kuri ayo mabariyeri, ukareba ingabo zacu uko zihagaze ku rugamba, uko zitotomba, nk'uko wahoze ubivuga, n'ubushake zifite kuko twe tuririranwa na zo turazibona, usanga mu by'ukuri dukwiye kwihangana...ho gato, kuko ibi bitero bizasozza iby'iyi myaka twatangiye ya mirongo urwenda. Murakoze ncuti za RTL. Mwari kumwe na NKURUNZIZA Ananiya.

Orateur : HABIMANA Kantano, journaliste de la RTL.

Murakoze Ananiya. Abumva RTL, ncuti za RTL mukomere. Ndukeka yuko mwumvise (raclement de la gorge) ibya... ibyo mugenzi wanjye Ananiya ababwiye, ibitero nyine by'Inyenzi-Inkotanyi iteka ziba zivuga ngo ni simusiga, ariko iteka usanga ari bya bindi, n'ibi ngibi mu by'ukuri ndakeka yuko bizarangira nk'umuriro w'amashara, amashara arabanza aga... agashya agakangata nuko wabona ikirimi kigera ku ijuru uti ntabwo uriya muriro ntukirwa, ariko ntushobora no kotsamo n'akajumba kuko uba wahindutse ivu, na ryo rigahita rikonja ako kanya.

Ubwo rero icya ngombwa, icya ngombwa NKURUNZIZA yari abajije, yari abajije ati "ese Abatutsi, ako gatsiko k'Abatutsi iteka gafite icyo kintu cy'ubutegetsi, twebwe Abahutu dufite akantu ki?"

Ndakeka rero ko Ananiya ntiwirirwe rwose ubaza byinshi. Inkotanyi zaraje zirabanza ziraturyobya ngo “hari amashyaka ya politike” ngo “ni byo Abazungu bashaka”, ngo “ni demokarasi y’amashyaka menshi”. Muribuka ibintu by’ibohoza, ukabona umuntu aragukubita utazi icyo mupfa utaramututse utaragize ute, mwari mubanye neza, Inkotanyi zabateye zivuye hanze nk’aho mwazirwanirije hamwe abantu bagasubiranamo.

Ibyo byo gusubiranishamo abantu, abantu murabona ko barabitaye babonye byari amayeri y’Inkotanyi, ndetse n’iby’amashyaka urabona ko abantu babiretse babonye hari ishyaka rimwe ryo kurwanira igihugu cyitwa u Rwanda, nta kindi. Naho ibyo kuba ari Umukombozi, iki byose, mbese amazina ba... bitaga ndakeka yari ayo gutanya, reba nko kwita umuntu Inkuba, inkuba nta kintu yigeze ikora cyiza ku isi, ubwo umuntu akajya aho akisihinga ngo ni Inkuba, ee... ubwo undi ati ndi Interahamwe, undi ati ndi Umukombozi, ijambo ryavuye ku ngabo za MUSEVENI zitera nako ingabo za Tanzaniya (Tanzanie) zijya kwirukana nako ni Inkotanyi, ziriya Nkotanyi za... za MUSEVENI zitera muri Uganda ubwo abantu bakabyita Abanyarwanda kandi amazina y’Abanyarwanda ahari.

05min01sec

Urabona ko ibintu byose byadutanyaga twabishyize ku ruhande, gusa ubu ngubu ikintu tureba ni umwanzi umwe witwa Inkotanyi, kandi ibya Guverinoma y’abatabazi mu by’ukuri urebye haracyari yenda akabazo k’imitego y’Inkotanyi nyine na yo itabura yo kugenda yenda badusibira amayira cyangwa bayisibira amayira, yashaka nk’ikintu ntikibone uko yacyifuzaga, yashaka iki, ikarinda kunyura mu ngendo zindi nzinyuranye.

Ariko byose bizagerwaho, tubishyikire ibikoresho ubundi biriya bitero by’Inyenzi birangire nk’uko n’ibya kera byarangiye, ni ukuvuga birangire, Abatutsi... agatsiko k’Abatutsi kadafish... kadafashe ubutegetsi muri iki gihugu, ubutegetsi bukomeje kuba ubwa Repubulika, kandi y’abantu benshi. Twumve umuziki. ♪

...haye kurengera umujyi, ubwo se arumva bizagenda gute? Hanyuma uwo mugabo rero na we aravuga ati ee... premi... Premier Sergent BIZIMANA Ferdinand aro... aravuga ati “nanone turamagana ibihuha by’abantu bava i Kigali bagera hirya bakavuga ngo Kigali yarafashwe

n'umwanzi", ati "ibyho bintu by'ibihuha nyine", ati "ababikwiza na bo baba ari abanzi".

Niba koko wumva biguteye ubwoba ukavuga uti Kigali yafashwe, fata ibyawe uhambire, unyonyombe, ariko winyura muri quartier yose ngo Kigali yafashwe, iki. Wowe ufite ubuzima bwawe n'abandi bafite ubwabo, bashobora kuburwanaho kuko batekereza. Kiza rero ubuzima bwawe ariko wi... wikwirukanka utubari twose, ngo uzinduke uri gacuma k'amagambo, yewe, Kigali yafashwe, iki. Hanyuma se urimo urabagira inama se yo kuyibohoza? Urimo urabagira nama ki?

Wica rero abantu intege, reka abantu. Ahubwo wowe..., ikintu ubu ngubu umuntu atekereza..., niba uvuga uti Kigali yafashwe, cyangwa aha hafashwe, igitekerezo gusa cyiza cyemewe ni ukujya inama y'ukuntu umuntu yahabohoza, nta kindi. 07min01sec

Naho rero wowe utiza umwanzi umurindi uca abantu intege, ukaba watuma abantu bakundura kandi nta cyo wabonye, ubwo nawe ugomba gufatwa nk'umwanzi bakakubona yuko udakunda amahoro, uri icyitso cy'Inkotanyi kuko uba uziha... uzorohereza uburyo kuko muri iyi ntambara imara igihe yo gutesha umutwe..., birumvikana yuko nyine iyo ufite abagufasha gutesha umutwe, nka biriya bya katiyusha biturika n'ibiki, uyo ufite abagutesha u... abagufasha guta umutwe, baba ari "abapropagandiste" bawe, abo bagomba guhagarikwa.

Ndakomeza n'ubutuba... n'ubutumwa bw'abantu bakomeje..., ba... abarwayi mu bitaro, abasirikare, "abasivile", iki, abarwa...

... ibisigaye byose, iminsi... ukwezi kurenga e... ukwezi n'igice birenga, iminsi mirongo ine n'itandatu yose turwana n'Inkotanyi, hafi mirongo ine n'irindwi... ni mirongo ine n'irindwi ni byo, dutegereje Inkotanyi muri uyu muji ngo tuzice tuzimare. Uyu muni rero i... iri joro mu Gatsata ee... ahagana.aa... no ku gase... no mu Gatsata, e... mu Gatsata rero Inkotanyi zashatse kuhamenera, zishaka kumenera.aa... e... muri Rugenge.

Hanyuma rero mu kanya Ananiya aradutekerereza uko urwo rugamba yarurwanye,

aradutekerereza ukuntu yabonye iyo mirwano n'ukuntu Inkotanyi zahatakarije abantu zikagenda zumiwe. Ubwo rero mu kanya... nako ndaza gukurikirana iby'imirwano yabereye ku Kimisagara, ee... ariko urebye ntabwo yahageze kuko Inkotanyi zabuze uko zizamuka ngo zitere ku Kimisagara, dore zari zimaze iminsi zihahigira hanyuma noneho zihitamo kujya zihohereza ibisasu. Ariko ikibunda cyahoherezaga amasasu abasirikare bacu bakirashe kirashya, bagikurubana kigenda kigurumana kirukanka, hanyuma noneho ubu sinzi iyo cyagiye. Maze rero mu kanya turaza kubabwira uko ibintu bimeze.

Uko bimeze nanone, ni uko mu mujyi wa Kigali ubu nk'uko bigaragara, harimwo abantu ba... b'impunzi benshi, abo bantu b'impunzi rero benshi mu by'ukuri ni abantu baturuka za Gikomero, ntimukeke ko ari abo hafi muri uyu mujyi, ni abantu baturuka mu giturage, za Gikomero, za Gikoro. Abo bantu rero bakaba bari babanje guhungira ahantu bita ee... ee... a... bari babanje guhungira i Kanombe, Inkotanyi zibaterayo aho bari bahungiyeye ahitwa mu Busanza zibakurayo, zi... ba... bahungira ku Kabeza hafi y'ikibuga cy'indege i Kanombe, Inkotanyi ziza zibashaka nanone, barongera barazihunga nanaho bahungira ku Kicukiro, ku Kicukiro noneho Inkotanyi ziga umugambi wo kugira ngo abo bantu noneho zibafate, zibafatirane zibagire abagaragu bazo zicemo abo zishaka, noneho zibagire abagaragu kubera ko ibyago by'Inkotanyi iteka ari uko zigenda zagera ahantu bakazihunga zigasigarana imisozi gusa, zigasigarana ibijumba n'ibitoki n'imyumbati zicukura zihakenya, abaturage bazicitse.

09min08sec

Ibyo birumvikana rero yuko mu gihe wiyita ngo uri "Muvoma ya guérilla"j ngo yo kubohoza, yo kubohoza abaturage, abaturage bakaguhunga bose ntugire icyo usigarana, birumvikana yuko nubwo watumiza amahanga aka cumi ugasakuza ukavuzura induru..., iyo ubabwiye uti muze mbereke aho mba, iyo u... iyo basanze nta muntu uhari uba uri inyeshyamba nta kindi kindi bakwita kubera ko mu gihe ufite imisozi gusa n'inkware n'ibihunyira n'imyumbati, nta na rimwe ushobora kubona inyungu za politique kuko ibyo bintu ntibitora birazwi ko hatora abantu.

Ubwo rero nyine ubugome bw'Inkotanyi kugira ngo zifate abo baturage zibasubize inyuma noneho zigotere ku Kicukiro, ingabo z'u Rwanda zaherekaniye ubutwari butangaje kubera ko zashatse gukura abo baturage mu... mu ngorane, ni bwo habaye imirwano rero mu ijoro ry'ejo,

imirwano ikomeye cyane Inyenzi nyinshi zirapfa. Ariko nk'uko nabibwiwe n'abantu benshi twaraye tuganiriye, ee... barimwo umugabo witwa Benoît... abantu bose bazi, wari utuye hariya bita "Maladona", ni hariya inyuma ku Kicukiro, uwo mugabo rero tukaba twaraye tuganiye ambwira iby'Inkotanyi uko zitwaye ku ki... uko zitwaye ku Kicukiro, ubwo nyine zagira ngo zigende zihigamwo abantu ziroba zica, noneho abasirikare b'u Rwanda barwana kuri izo nzirakarengane.

Ubwo Inkotanyi zateye rero muri ETO, hariya ku Kicukiro, aho abantu bari bahungiye mu mashuri zibarasamo za... za "strimu", zibateramo za grenades, zibarohamo bombes, noneho abacitse ku icumu ingabo z'u Rwanda ziti "tugomba kubarwanaho". Muri uko kubarwanaho rero, ubwo bamwe ingabo z'u Rwanda zabanyujije mu Gatenga, nubwo Inkotanyi zimwe na zimwe zari zihishe mu bihuru hirya zageragezaga kubarasaho, hanyuma abandi ingabo z'u Rwanda n'ubutwari bwinshi zibanyuza ku i Rebero, hamwe Inkotanyi zikeka ko zafashe. Abaturage rero ni bo ubwo mubona basesekaye mu muji, bakaba baraye bageze za Nyamirambo, bakaba baraye bageze za Muhima, mbese nta ho batageze.

Ariko rero gusa igiteye agahinda ni uko usanga abantu b'i Gikondo bikanga abo baturage bavuye i Gikomero (aseka), nkibaza umuntu uri i Gikondo akabona umuturage w'i Gikomero akamujya inyuma, ntazi ibyamuvanye i giko... ntazi... ntazi ukuntu ahunze, ntanamubajije ati ese uhunze iki, nuko we agahitamo kwirukanka ngo amugiye inyuma! Ibyo rero na byo ni ubusazi.

12min00sec

Mugume aho muri, ingabo z'u Rwanda zirahatubereye, ngira ngo murabyumva yuko iyo Inkotanyi zirashe..., nta na rimwe zarasa isasu ingabo z'u Rwanda zidashubijeho, ni uko rero uko byamera kose Inkotanyi izo ari zo zose ziri mu muji... ziri muri uyu muji zacitse ku icumu..., h... hari ingabo z'u Rwanda na zo bur... buri Nkotanyi byibuze ifite ingabo z'u Rwanda eshatu ziyiri inyuma kandi zifite amasasu ahagije. Ku buryo rero...

Mugume mu ngo zanyu, muhagarare turwane kuri uyu muji. Muraza kumva mugenzi wanjye Ananiya ukuntu abatekerereza ukuntu baraye barwanye n'Inyenzi bakazitsinda, bakazitsinda rwose bakazicamo abantu, ubundi zikarwana zibakurubana kandi bo nta... nta muturage

zashoboye kwica. Murumva rero yuko Inkotanyi nizongera kwiyahura ahubwo noneho tuzazimara, ariko rero ndakeka yuko uwaziraguriye muri iki gihe yarazibeshye.

Hanyuma muri iyo mirwano rero yo ku Kicukiro ingabo z'u Rwanda zaherekanye ubutwari bukomeye ku buryo ubu imirambo y'Inyenzi-Inkotanyi ihari ni ..nyinshi cyane, ni ..nyinshi cyane, birumvikana hari n'iy'abaturage b'inzirakarengane, ariko Inkotanyi nyinshi zahasize agatwe, zahasize agatwe ee... ku buryo e... mbese bushimishije.

Ubwo rero nta wabura gushima ingabo z'u Rwanda u...butwari n'umurava zerekanye aho ngaho, kandi n'abaturage ubwabo baravuga bati "kugira ngo tugere hano mutubone ni ukubera ingabo z'u Rwanda naho ubundi Inkotanyi zo zashakaga kutwica zikatumara", ubwo baragenda nyine batekereza nyine udusaza zishe, udukecuru, noneho barangiza kutwica bakabamba ku muhanda, bakabamba ku nzu kugira ngo nyine abantu bagire ubwoba noneho bavuge bati... ee... mbese kugira ngo abantu... niba ari ukugira ngo abantu batinye Inkotanyi, cyakora kuzitinya ho barazitinya. Nizikomeze gutyo, abantu bakomeze bazitinye, kuko ni abagome batagira uko bameze.

Ariko kandi biranumvikana abo bantu ee... nk'uko byakunze kugaragara harimo abacancuro, Abacancuro b'Aba...biligi, b'Abazungu, ku buryo bambwiye yuko ha... abasirikare barwanye ejo..., bambwiye yuko hari igicancuro cy'iki... kibi cy'imvi n'ibyanwa byinshi cyane cyihishe mu nzu ya étage iri hirya gato y'uruganda rukora... y'uruganda rwa BRALIRWA. Icyo kintu bakirasaho kiri muri étage yo hasi kikirira hejuru, bakakirasa kikihungura iby... kikihungura amasasu kikongera kikagaruka.

14min03sec

Icyo kizungu rero na cyo barakibonye aho ngaho ku Kicukiro nyuma n'abarwana inyuma yo ku Kicukiro, abari ku... ku mbunda zose nini, ni abacancuro b'Abazungu, harimo rero ngo n'Abagande, abo Bagande bikaba noneho bigaragara yuko barya abantu kuko abantu bose bishe nta mutima bigeze babasangana nta n'umwijima. Ababarebye rero basanze abantu Inkotanyi zishe ku Kicukiro, nta mutima babasanganye nta... nta n'umwijima, ku buryo rero abo bantu nta kindi babikoresheje barabiriye.

Abo bantu rero nyine iyo ubarebye ni abantu bazanye b'ibyanwa, b'abantu b'ibikara cyane ngo kugira ngo batere ubwoba Abanyarwanda ngo nibajya bababona ngo biruke.

Ariko rero mu by'ukuri igishimije ni uko iyo babanyujjemo isasu bagarama, cyane cyane yuko iyo babonye ngo byakomeye bikuramo amakote n'amashati ubundi bakarwana mbese nk'umu... bakarwana ku... ku musiri babonye wo guca incuro, ni uko. Ariko rero nyine icyo gihe iyo bakuyemo amakote, ingabo zacu ukuntu zibo... zibinjizamo amasasu biboroheye, ubundi ngo birashimishije. Maze rero mu by'ukuri ingabo z'u Rwanda turakomeza kuzishimira ubutwari. Ariko ne kubicisha amatsiko.

- Ananiya wabonye urusimbuka? Waramutse?

Orateur : NKURUNZIZA Ananie, journaliste de la RTL.

- Mwaramutse Kantano? Ni ukurusimbuka koko. Ee... wari uvuze rero uti "habaye imirwano ahajya mu Gasyata, umenya n'iyi mu Gasyata koko ishobora kuba yabaye bashaka gufunga uwo muhanda, ee... ariko imirwano mu by'ukuri nk'uko tubisoma mu kandiko kanditswe n'abasirikare, yabereye kuri position ya Kabakene-Muhima. Byanditse mu "gifransa" ngo "attaque-ennemie sur position Kabakene-Muhima, début d'attaque: minuit 30 minutes, fin d'attaque: 2 heures 30 minutes, dégâts chez l'ennemi: 5 tués. Bakandikaho ko... hum, ils écrivent: 5 tués évacués par l'ennemi. Objets saisis: hum... des jumelles, 50 cartouches pour R.4, 100 cartouches pour kalachnikov, 2 capsons taches-taches NRA, 2 chapeaux trip fair, 3 pioches, 3 petites houes, une gourde militaire, et ils écrivent enfin, effectif de l'ennemi: entre 20 et 30 personnes.

Ibyo rero mvuze mu "gifransa" ni agapapuro kanditswe n'abasirikare ba...rwanye muri icyo gitero bafatanyije n'abatwari. Ncuti za RTL rero e... ni bwo bwa mbere nyewe nabonye urugamba mu by'ukuri, najyaga mbyumva birasanira kure.

16min06sec

Mu makuru yacu twigeze kubabwira ko abatwari bo ku Muhima muri Selile ya Kabakene basuwe n'Inyenzi zari ziturutse ku Gisozi, zambukiye ku itanura (raclement de la gorge) riri mu gashyamba bita "aka Koloneli SERUBUGA" maze zomokera hakuno muri icyo Selile nyine ya

Kabakene aho bita mu “*Kabilizi ka mbere*”. icyo gihe abaturage n’ingabo bashinze ibirindiro muri ako ka... muri ako gace kugira ngo umwanzi atazigera abacaho na rimwe.

Muri iri joro rero nk’uko twabisomaga hariya mu “gifransa”, ahajya saa sita n’igice z’ijoro, Inyenzi zibarirwa hagati ya makumyabiri na mirongo itatu zateye zinyuze muri iyo nzira zari zaje kugenzura mu minsi ishize nk’uko twabivuze haruguru. Zateye kare cyane nk’uko mubibona saa sita n’igice biba hakiri kare, kuko tumenyereye ko ubundi Inyenzi zigaba ibitero ahajya mu ma saa cyenda, ahajya mbese mu masaha akuze y’ijoro cyangwa y’igitondo cya kare ..zija kuba mu rukerera. Ku bwo amahirwe make yazo rero, Inyenzi zasanze..., nk’uko nabivuze haruguru, ingabo z’igihugu zirwanira muri utwo duce, n’abaturage bari maso. Bari maso cyokora nya kuba maso koko. Ubwo rero rwahise rwambikana birumvikana, ku buryo Inyenzi zo ku isonga zarashwe zigipfupfunuka mu gishanga.

Abazirebaga basangaga zimeze nk’ibintu mbese nakwita by’ibigurube, ariko binyaruka. Murabona kwambukiranya urya muhanda.aa... Kantano wa Poids lourds unyaruka (amwenyura), ubwo rero muri uko kunyaruka ni bwo zasakiranye n’amasasu ya mbere. Amasasu ya e... mbere rero abari kuri position, murumva ko yahamije byanze bikunze. Kuko barashe ee... ibyo mu “gifransa” twita “*feux croisés*”, bazihuzaho. Ariko kubera kwa kunyaruka kwazo zimwe za... zogoroye, zimaze kogorora abandi, abo b’ingabo z’igihugu n’abaturage bari kumwe bari ku marondo basa n’abashinguye ibirindiro bagaruka inyuma gato kugira ngo zitaza kubaca inyuma zikabarwanya zimanuka. Ni uko rero bamaze kogorora noneho barwanira ku muhanda wa kabiri. Umuhanda wa kabiri ee... ku bareba aho ngaho muri ako gace ni wo wambukiranya ndetse ugaca ku mazu yo muri MINITRAPE, iriya “abafonkisiyoneri” ba... batuyemo, ni wo muhanda bita “*umuhanda wa demokarasi*”.

Ee... umu...sore w’Umwofisiye nakwita Umwofisiye w’“umujene” uyoboye ako karere k’imirwano, yambwiye kutirwa mvuga izina rye ariko birumvikana hari impamvu z’umutekano kandi n’impamvu zo kwicisha bugufi, ubwo yahise asaba appui. Ibyo bita “*appui*” ni ..kugira ngo bamurasire nyine, kuko Gisozi iriya murayizi, Gisozi iriya iriho imbunda zo mu bwoko bwa mitrailleuse, iriho ibiki byose, yahise asaba appui.

19min02sec

Abaturiye rero muri ako karere ka Gisozi na Muhima ireba Kabakene, ni byo bisasu mwumvise bisatura ijoro muri icyo gihe biravuga. Bimaze kuvuga rero ii... bihamya nanone ku Gisozi, Inkotanyi na zo, Inyenzi, zashubije zirasa ibindi bisa... zirashisha ibindi bibunda biremereye cyane cyane nk'ikibunda cyaturukaga kuri Jali na za "mitrayezi" na zo zari ziri ku Gisozi. Zirarasa ariko noneho zirasa zirenza muri iyo Selile ya Kabakene zihamya hakurya ee... muri... muri Segiteri ya Rugenge ahajya za Kabasengerezi. Ntabwo namenya abaho niba nta masasu yabagezeho ngo abe yagize uwo akomeretsa.

19min09sec

Inyenzi rero mu by'ukuri e... zasakiranye na ba bandi zijya zita ku maradiyo ngo ni "abanywatabi" bararwana, bo muri Selile Kabakene. Zari zije..., ngira ngo uko byumvikana uwo mubare wa mirongo itatu cyangwa makumyabiri ntabwo ari abantu bake, ndumva zari zije kubaca amatwi na bo no kubahana kugira ngo bakunde bahunge.

Mu bari bateye rero nk'uko batu... batubwira, hapfuyemo abantu batanu. Babitubwiye muri télégramme. Mu by'ukuri, nta washoboye kubarura imirambo yabo kuko habaye isibaniri zikurura iyo mirambo. Ubu uwahagera ngira ngo ni ahantu hagendwa ubwo habaye no ku manywa, yabona inkora, wamara kubona inkora z'aho bakuruye zibavana ku muhanda wa kabiri n'amaraso menshi cyane, wakwambuka Poids lourds ukabona amaraso menshi cyane, wagera mu gishanga nk'aho twavugaga noneho ukabona ko igishanga zakivuyanze, ariko mu by'ukuri zakivuyanze zisubiranyemo... zisubiranyeyo iyo mirambo.

Mu byo rero Inkotanyi zafatanywe na byo bigaragara:

- Zafatanwe cya cyuma kireba kure, abasirikare barebamo bita "jumelles", imwe.
- Zifatanywa.. amasasu mirongo itanu y'imbunda ya e... R.4.
- Zifatanwa amasasu ijana y'imbunda ya laki... ya kalachnikov.
- Zifatanwa strims, babyita strims ndumva ntamenya uko mbyita mu kinyarwanda, ariko ni bya bintu biturika nka grenades bahambira ku mbunda, hanyuma bakarasa kigaturikira iyo ngiyo.
- Ee... zifatanwa utugofero twa taches-taches twanditseho NRA, dutatu.
- Zifatanwa utundi tugofero dusanzwe tw'udukaki Inkotanyi zikunze kwambara, tubiri.

- Zifatanwa ibitiyo bitatu.
- Zifatana... zifatanwa udu... udusuka tw'udufuni dutatu.
- Zifatwanwa gourde: agacuma zitwaramo amazi, ya gisirikare imwe.
- Zari zifite n'ibitenge by'abagore bishaje.
- Zari zifite n'ibicupa by'imiti umuntu cyokora atamenya icyo ivura.

21min03sec

Ni uko. Ubwo rero n'ikindi cyagaragaye cyane ni amaraso. Mu byo zarwanishije hari:

- Imbunda.
- Zarwanishije kandi grenades.
- Zi...rwanisha na rokete.

Nyuma rero y'iyi mirwano, ndumva umuntu atabitindaho cyane, ee... ku ruhande rwacu nta muntu n'umwe bahitanye. Igishimishije ni uko ingabo zacu ziyobowe n'uwo "mujene" Ofisiye muri ako karere, zagaragaje ubutwari bw'igitangaza, zifatanyije n'abaturage! Ubwo rero abaturage bari ku ma positions bagumye kurwanira mu ngabo z'i... mu... mu bitugu by'ingabo baziri hafi, ariko n'abaturage bari basigaye haruguru mu mago bumvise rwahinanye kuko bumvise imiriro itandukanye [bamaze kumenyera imbunda zacu] bumvise rero iz'umwanzi na zo zivugira aho bava mu mazu bavuzza induru. Bavugije induru rwose ikomeye cyane, bavuzza amafirimbiri bati "ngizo, ngizo ntizisubireyo".

Ubwo birumvikana rero ko abagore ee... abenshi bahetse abana, ndetse hari n'abo nabonye muri icyo gicuku ubwo imirwano irangiye bari basohokanye na twa matolas ariko rero ntibajya kure, kuko bagiye kuri bariyeri iri ruguru gato. Haba... abaturage b'aho ngaho babaye igitangaza, kuko ubu bugeze mu gitondo, nsize bese basubiye mu mago yabo.

Aha rero, inkuru ngo mbarirano iratuba, gusa icyo abaturage bantumye muri iki gitondo, bambwiye ko "bakomeje kwihangana kandi" "ko batazava ku izima", ko batazagamburura. Gusa bakaba basaba intwari. Izo ntwaro e... zigiye kuzaba nka ya mabati ya ba bandi, na cyane cyane ko ngo na nkeya, ni ko abaturage bambwiye, zibonetse batamenya irengero rya... ryazo kandi abaturage ba Kabakene, abaturage bo mu Muhima wose wegeranye n'icyo gishanga basobanura

ni... n'Inkotanyi ziri ku Gisozi ari bo bakirinze. Ugasanga imbunda zirajya kure n'aho ngira ngo amasasu y'Inkotanyi atagera.

23min02sec

Abaturage kandi barasaba ko Gisozi yabohozwa vuba. Gisozi iyo ngiyo barayireze, bayitunze agatoki. Hari abaturage ba... Inyenzi zayirukanyeho ubu bari hariya mu buhungiro aha ngaha mu muji hose, na bo iteka uko mbacyeho baravuga bati "kuki bataduhamagara ngo tujye kubohoza Gisozi yacu"?

Abaturage kandi bambwiye ko bashimira cyane ingabo z'igihugu bari kumwe muri iri joro kandi bamaranye iminsi, bagashimira cyane uriya mujene Ofisiye. Uriya "mujene" Ofisiye na we yantumye muri iki gitondo ati "kuri RTL M uvuge yuko nshimira abaturage baraye badufashije badafite ubwoba".

Nibutse ko abaturage ubwo basaki... ubwo basakirana n'Inyenzi barushijeho kuba abanzi bazo. Bityo rero na bo mbibutse ko bagomba kurushaho kuba maso nk'uko zasanze nimugoroba bari maso. Urakoze Kanta.

Orateur : HABIMANA Kantano, journaliste de la RTL M.

Urakoze Ananiya. Mwumvise rero, ba bantu bigize ibitangaza, bigize ngo ni ba kabutindi, ba bandi ba e... ba... batera ubwoba mwumvise yuko nta bwoba bateye, mwumvise yuko nubwo abapfumu babaragurira bakabasiga n'ibintu by'ibivuta ngo nibabarasa nta... ntibapfumuka, murumva yuko ayo maraso ibyo ari byo byose..., mwumvise ko nta musirikare wacu wahaguye, nta muntu wacu wapfuye. Ayo maraso rero ni ayo Inyenzi, ku buryo ubu ngubu aho ziri ziri mu marira sinzi niba zibi... zinashobora no kuririra abazo kuko abamaze gupfa ntibagira ingano kandi heh... niba, niba rero uko zizajya zikomeza ziza abaturage bazica, bazica, KAGAME hari igihe azamanuka asange ni we wenyine ngo aje gutegeka abure abo ateguka noneho yisubirire mu bihuru cyangwa se asubire gufata mu mwanya w'Abamajoro mu ngabo z'u Bugande (Uganda).

Birumvikana rero yuko..., mu by'ukuri Inkotanyi nti hagire uwo zitera ubwoba biva mu (un bref

silence)... nzi, murebe ngo Runyenzi aracika neza neza ku... kuri ako... kuri uwo murenge wanyu.

24min07sec

Ubu rero yenda tuvuge hatahiwe yenda Muhima, hatahiwe se Nyamirambo, hatahiwe hehe, hose hose tube maso. Mbitutse yuko icyo ari igitero cya kabiri Inkotanyi zigerageje kandi zikagitsindwamo burundu kuko hari icyo zagerageje mu Gatenga, nako hariya mu Kanongo. Aho ngaho mwumvise ukuntu zasubiyeyo, zari zaje mu modoka, ubwo rero zitangiye gushyira ibikoresho hasi ingabo z'u Rwanda ziba zababonye, abaturage bari kuri bariyeri bati "muragapfa muragapfusha".

Maze rero ubundi buri muntu n'umuheto we yongere awubange arebe ko utyaye a... akurure yumve, arebe ko impe... impembe zose zi... zijya gukorana hanyuma noneho imyambi mwongere muyityaze ubundi mutyaze ibyuma n'amahiri maze ubundi murebe yuko Inkotanyi, cyane cyane ko ziza zitwikiriye ijoro kuko amanywa ntizashobora kuhinguka nyine mu bantu, mu baturage uko tuba twarakaye ndabona nta ho zahinguka.

Maze rero mukomeze murwane ku muji wanyu. Turwane kuri kapitali, Umurwa mukuru w'igihugu cy'u Rwanda, turwane ku Rwanda maze hah hah, nakwibira n'ibanga yenda Inkotanyi ni uko... Inkotanyi zizi impamvu nyine..., zizi impamvu zageze ku kibuga cy'indege i Kanombe, ariko nziciriye amarenga zaba zikuramo akazo kuko (aseke) ibikoresho biraboneka, burya nta embargo nta ki, iyo ubushake buhari ibikoresho biraboneka. Kandi ndakeka yuko Inyenzi rero ibintu zacungiragaho birabyar... zari zabuze mu mahanga ngo ni abagabo ngo bigaruriye ngo ibibuga, iki! Ohoh hoh hoh! Ayo bashekesheje ejo ndakeka yuko ari ejo ejobundi barayaririsha kuko ibintu bikomeye.

Ananiya rero ndakeka ahari ko..., ntabwo washoboye kumva ibyabaye mu... ibyavuzwe mu maradiyo, kuko waraye mu mirwano nyine birumvikana, mu maradiyo rero nakubwira yuko ikintu numvise mbese umuntu yavuga gi... gihambaye, gihambaye amaradiyo avuga..., igishimishije gusa ni uko ya maradiyo yabaye stations relais ya Radiyo Muhabura, nka Radio France internationale yihebye noneho yabuze ibyo ivuga, yabuze ibintu isingiza ku Nkotanyi, yabibuze ee... ku buryo nta kintu isingiza.

Ariko rero mu maradiyo yose ikintu bahurizaho ni uko uyu muni, yee... i Genève mu Busuwisi (Suisse), hari inama ngo yihutirwa y'umurya... y'Umuryango w'Abibumbye ngo yiga... ngo yiga i... ibyerekeye Uburenganzira bw'Ikiremhamuntu, ngo igomba kureba ngo abashoje intambara ngo mu rwa... nako ngo abakuruye ubwicanyi mu Rwanda, hanyuma rero wa Muryango, wa wundi witwa ngo Amnistie internationale, Umuryango urengera ikiremwa Tutsi atari Ikiremhamuntu, uwo Muryango rero wahise utangaza ngo "nta kundi" ngo "abagize uruhare" ngo runini e... nako ngo "abagize uruhare" ngo "ni ingabo z'u Rwanda" ngo na... ngo "na Guverinoma". Ni uko.

26min09sec

Ubwo rero ee... ubwo ngo ni ibipapuro ngo bakwije hose i Genève mu Busuwisi (Suisse), hanyuma na wa mugabo LASSO, umwe waje avuza induru ngo... ngo yabonye hano ngo... kubera ko yari yageze i Kigali ariko atari... yageze mu ruhande ruko... "rukontolorwa" n'Inkotanyi, aho Inkotanyi zanyuze, ngo "rwose" ngo "yabonye abica", ngo iki. Ubwo abo ni bo ba... bagiye imbere bakwiza impapuro, ubwo birumvikana nyine n'Inyenzi-Inkotanyi ubwo aho ngaho i Genève reka sinakubwira zirimo ziraryoshya akarimi, ubwo ni ko aa... abakobwa, Inkotanyikazi zitambikije mu mahoteri hose ziteze Umuzungu wataye ubwenge u... ushobora kuza kuzirabukwa ngo zimubwire ngo agahinda ngo ka basaza babo, ngo ko ibintu byacitse, ariko bagerageza guhisha ukuri kw'Inkotanyi, ko zabaze abantu, zababambye, abandi zabariye ku buryo nyine ubu ngubu ari akaga!

Gusa rero ikintu navuga ni uko nk'ubwo ngubwo e... icyatangiye kutangaza ni uko nta gitekerezo cy'u Rwanda, cya Guverinoma y'u Rwanda wumva. Ndibaza niba Guverinoma y'u Rwanda na yo ubwayo yoherejeyo intumwa. Niba itoherejeyo intumwa rero byaba bibabaje, ariko urakomeza wumva bakomeza bacengeza, bacengeza icyo gitekerezo cy'Abatutsi cyabaye icy'Inyenzi-Inkotanyi, nyine bashaka kuvuga yuko ari bo bashize, ari bo bashize, nyamara ntibarebe ku rundi ruhande ukuntu Abahutu barimwo bahigwa bukware, barimwo bicwa, babagwa. Ubwo niba bitari byakorwa Guverinoma y'u Rwanda ihite yandika impapuro nyinshi cyane ijye i Burayi ishake incuti z'Abazungu, z'abaki, hanyuma noneho bajye kureba ukuntu bavuganira Guverinoma y'u Rwanda.

Kuko abateje ibi byago bose, abateje ibi byago mbere na mbere babanze babarebe:

- Ni abishe Président wa Repubulika.
- Ni abakoze uwo mugambi, barimwo:
 - MUSEVENI.
 - Barimo I...nyenzi-Inkotanyi.
 - Bari ibyitso.
- Hanyuma noneho abandi bateje ibi byago byose, ni Inyenzi zongeye..., kongera urumambo mu gisebe zijomba igiti mu gisebe cy'Abanyarwanda, zongera noneho kubura imirwano ngo aha zigiyeye guhana Abajepi.

28min05sec

Ibyo bintu rero byose ni byo byatumye aka kaga iki gihugu turimo ka... kaba. Abo rero ni bo mbere na mbere babanza kubanza... bagomba kubanza guhanwa hanyuma noneho ibindi bikazaza nyuma, tukabona kubisuzuma nyuma. Sinzi Ananiya niba hari icyo wabivugaho nawe.

Orateur : NKURUNZIZA Ananiya, journaliste de la RTL.

Kantano iby'iriya nama twabivuzeho mu minsi ishize, ndetse twayiranzwe na mbere yuko iba ari bwo twahamagariraga.. abanyabwenge kugira ngo bandike bamagane, e... umugambi wihishe inyuma y'igitekerezo cya Canada cyo kuyihamagaza.

Gusa icyo umuntu yabwira Abanyarwanda, ni uko abapfuye bose batubabaje. Nta muntu ushimishwa n'uko umuntu yapfuye. Ikindi ni uko ababishe, icyabishe kiri aho. Hariho uwavuze ati "uburenganziza bw'ikiremwa muntu bwononwa mbere na mbere n'intambara". Ni iki cyiza kandi koko cyava ku ntambara na cyane cyane ko icyo wayishoje uba wiyemeje kwica?

Inkotanyi rero ziyemeje kwica, kuva muri mirongo urwenda zikomeza kwica twarabibonye, na n'ubu zirica. Nibahere ku Nkotanyi. Ngira ngo uretse aharaho kwemera ko... na bo baba bemera yuko Inkotanyi zaba ari abana b'Imana kuturusha, ko izo Nyenzi zaba ari abana b'Imana kuturusha, nta kindi kintu mbona, bazakora anketi nk'izo bakoze, ntabwo zizazura abapfuye.

Ahubwo hariho uwari wagize igitekerezo ababwira ati “ahubwo nimuterane murebe uko mwahagarika aka kaga u Rwanda rurimo, mutabare abasigaye”. Naho kuja gutaburura abapfuye wa mugani, ari ababo bacitse ku icumu, ari abacu bacitse ku icumu, natwe ducika ku icumu, icyo twagombye kureba ni ukureba imbere. Byaba igihano rero kigashakirwa nyirabayazana. Birumvikana ubwo batangiye gukora e... biriya bintu bya propagande ngo barashaka igitego mu mahanga cy’uko amahanga azavugaga Guverinoma y’u Rwanda, ingabo z’u Rwanda zishe abantu. Bizatanga se iki?

30min00sec

Ahubwo nagira ngo nongere nibutse Abanyarwanda nk’uko twabivugaga ejo, nibutse ingabo z’u Rwanda ko niturwana neza tugatsinda ibyo bya commission Abazungu bazabyibagirwa, ibyo by’embargo bazabyibagirwa, bya bindi byose bavugaga n’izo mfashanyo zizaza.

Icyo tugomba rero guhugiraho si ayo manama ngo abe ari yo adutesha igihe n’umutwe. Ahubwo icyo tugomba guhugiraho ni ukurwana. Tukarwana nk’uko wahoze ubivugaga tudahungaga, tudasimbuka, tukarwana twishyira mu mutwe cyane cyane ko nta ho dufite duhungira, ko ari ugupfa no gukira. Urakoze Kantano.

Orateur : HABIMANA Kantano, journaliste de la RTL.

Mwakoze. Abumva Radiyo yigenga RTL, ndakeka rero yuko mwumvise uko ibintu bimeze, nguko uko Kigali yaramutse, mu by’ukuri haraye amasasu menshi abanyabwoba nyine bagira ubwoba, ariko amasasu tumaze kuyamenyera Inkotanyi na zo zirabizi, cyakora hagati aho mu Rwampara hari aho zaje zica abaturage babiri hanyuma zitwara n’Abatutsi bari bahari.

Ariko murumva ibintu Inkotanyi zikora, kenshi usanga ari nk’ibintu nyine byo kwiyamamaza. Reba umuntu w’Umututsi umaranye n’Abahutu amezi abiri agiye gushira, uwo muntu baramubona, ntibamwishe, ariko za mpuhwe za BIHEHE ngo baraje ngo baramujyanye da! Ngo ni abantu ngo barwanira ngo... ngo ubwo ngo baramukijije! Bamukijije se iki ko abo bantu b’Abahutu bita ko ari abagome ko iyo bashakaga baba baramwishe, ahubwo bamukijije iki ko batuma ibye bisahurwa, bigatuma arara agenda, bikaba byatuma anagwa muri embûche, muri

embuscade y'abasirikare b'u Rwanda ugasanga arapfuye kandi aho yari ari nta cyo yari abaye?

31min02sec

Ibyo rero na byo ni ubusazi bw'Inkotanyi, ni ku... ni impuhwe za BIHEHE, ntabwo Inkotanyi zishobora gutwara buri Mututsi wese aho ari, ntizashobora kumurinda aho ari hose. Ibyo bintu ni... ni ibintu by'ubusazi. Kereka niba wa mugani zifite igitekerezo cy'uko zizakora Tutsi-land: ahantu haba Abatutsi gusa. Ariko ibyo na byo ntabwo twabyemera kuko e... no muri Afurika y'epfo (Afrique du sud) ibyo bintu byarahabaga bya apartheid, ntitwkwemera yuko Inkotanyi zituzanira apartheid mu gihugu zikaza zigafata abantu ngo ubwoko bumwe butuye aha ngaha. Ibyo ntabwo bibaho, mu Rwanda ntibyigeze bibaho, ntabwo rero byaba bishya mu Rwanda ngo tubikunde.

Ubwo rero kuza ugasanga Umututsi araganira n'Abahutu, arimwo arinywera n'abandi, arimwo aranywa na muramu we na bashiki be n'iki, ngo uramujyanye uramwishe umujyanye igicuku cyose ngo ubwo ni impuhwe umugiriye kandi abo umuhungisha bamaranye amezi abiri, atatu se. Bamaranye imyaka yose utaraza wowe Nkotanyi, uwo muntu yabanaga n'abandi, ukaza ngo uramugiriye impuhwe ngo uramujyanye, ubwo se uba umujyanye hehe? Hein! Ahubwo icyo gihe uba umuhamije yenda ubwitso, ko ari icyitso koko ko yari uwawe, ubwo yenda nanone yazagaruka ugasanga abaturage bamumereye nabi, ari ibyo byago wamuteje.

Ubwo rero ibyo byose murara mwirukankamo mwica abantu mu... ngo murica abantu mugakiza abandi, ubwo se bwo ni ubumuntu ki? Na bwo nta bumuntu burimo, nta kubaha ikiremwamuntu kirimo. Umaze kwica umuntu ujya... ukijije undi, ubwo se, ibyo ari byose uba umennye amaraso. Uwo ukijije rero..., simbizi, imibare y'Inkotanyi mu by'ukuri..., ugomba umu... imibare y'Inkotanyi yarapfuye, zigomba kuba zarasaze. Bajya bavuga ngo "ni twe tunywa itabi hano, Abanyakigali" ngo "tunywa urumogi", ahubwo ndasaba abakomeza batwoherereza urumogi gukomeza bareba mu masaka, naba.. niba mu masaka nta keze, agapfunduye kose batwoherereza, ubundi tubonane n'abo basazi kuko bo banyweye kanganya barashize nta mibare bakigira sinzi ukuntu bameze, imibare yabo rwose yaranyobeye. Mwumve uyu muzika. (Musique).

... ngo zirashaka gufata ubutegetsi bwose i Kigali, ariko rero mu by'ukuri na zo iyaba

zatekerezaga zabanza kubona ko bidashoboka kuko hari ingabo z'u Rwanda, hari abaturage bose bose b'u Rwanda, bitatu bya kane by'abaturage. Iyaba ahubwo Abazungu ari ko babaraga bakavuga bati Inkotanyi zifite yenda kimwe cya kabiri cy'ibihuru, abatura... kimwe cya kane cy'ibihuru by'u Rwanda n'inya... kimwe cya kabiri cy'ibihuru n'inyamanswa z'u Rwanda kuko zifite parike, na bwo kandi kugira parike..., kugira parike se buriya uwagenda yasangamo Inkotanyi zingaha? Harimwo inyamanswa gusa na zo na parike ntiziyifite Inkotanyi, ni ukwibeshya, ntizifite ibiyaga, uwareba mu biyaga se yasanga Inkotanyi zingana n'amafi arimo? Na zo nabi... ibyo biyaga na byo ntaz... nta byo zifite uretse kurobamwo amafi zikarya ariko nta biyaga zifite nta n'ishya... nta n'inyamanswa zifite, nta mashyamba nta ki.

Ubwo rero i... Inkotanyi zifite ubusa ariko Guverinoma y'u Rwanda iyobowe na KAMBANDA ee... ifite abaturage bayiri inyuma bangana na bitatu bya kane by'Abanyarwanda. Ahubwo rero ngiyo imibare nyayo kandi ishimishije.

34min08sec

Ubwo rero bitatu bya kane by'Abanyarwanda byarahagurutse biravuga biti "ntibishoboka, agatsiko k'Abatutsi extrémistes uko kagira kose, kayoborwa n'Abazungu, kazana ibitwaro ntazi bivuye he, ntabwo tuzagakundira gufata ubutegetsu".

Inkotanyi rero zo ziribwira yuko kwirirwa zituritsa ibisasu ku Kicukiro, kwirirwa mu ntoki, kwirirwa ziturira imyumbati, zitwibira inka, ziryamba inkoko ari byo... ari byo gufata ubutegetsu. Ndukeka yuko mu gihe ingabo z'u Rwanda zarangije kuzibona hirya no hino zikabona uko zisa, uko zikoze, gutsinda ku Nkotanyi zikoresheje imbunda zitsinda gisirikare, ibyo ngibyo zishatse zabyihorera kuko ari ibintu bidashobora kuzishobokera na gato, ibyo birumvikana.

Ubwo rero nasabaga abantu bamaze kumbwira yuko ee... ku Kimisagara abantu barambwiye bati "tubonye abasore barimwo bahunga barimwo n'abo mu Biryogo". Bati "barimo n'abo mu Rwampara". Haha haha, muri abo basore rero, ku mabariyeri abo basore mubarebe, mubarebe mubabuze guhunga kuko nta cyo bahunga na kimwe. Nibabanze berekane icyo bahunga, bavuge bati ee... niba atari ibihuha byo kuvuga ngo dore Inkotanyi zigeze hariya, nibabanze berekane icyo bahunga noneho mubone kubareka bahunge. Mureke abagore gusa n'abana n'abakecuru n'abandi

batishoboye.

36min00sec

Abo basore ahubwo mutangire mubarebe neza, ubwo ni bya byitso birimwo bigenda bihunga, nimubirebe neza, naho ubundi nibabanze bageze abagore n'abakecuru ahantu ha nyaho ubundi basubire muri positions zabo. Basubire muri positions zabo.

Abo bantu rero bo k... mu Biryogo, b'aho ngaho mu Rwampara bihayeho guhunga, abo bantu ni ukugira ngo bateze akaduruvayo mu mujyi, ni abantu barimwo... bagomba kuba barimwo ibyitso ni ukubareba neza. Nta ho mugomba guhunga mujya ahubwo muravuga muti dore hano turabura iki, turabura imbunda izi n'izi, turabura amasasu angana atya, turabura abasirikare bangana gutya bo kutwunganira, ariko rero ntihunge. Ubwo se ibyo urumva bishoboka? Ntabwo bishoboka abo ni ba bandi bagenda bakwiza ibihuha, bakwiza ubwoba ngo babonye Inkotanyi igihumbi, babonye Inkotanyi magana angaha, babonye Abazungu ijana. Abo rero b'ibi... b'ibihuha mubasubize inyuma, ndetse umuntu uzajya uzana igihuha mujye mumukubita rwose mumukubite mu... umunwa, mumukubite ku munwa kuko uwo nguwo aratiza umwanzi umurindi. 36min07sec

Aho muri muri quartiers zanyu, nimwegere Konye mumubwire muti, bon, kugira ngo tugume kuri positions zacu dore hano dukeneye imbunda izi n'izi, dukeneye amasasu angana atya, dukeneye grenades izi n'izi n'abasirikare aba n'aba. Noneho babaha... bababahe ariko mwe guta ingo zanyu, mugume aho ngaho mwari muri rero.

Abantu rero bo mu... bo ku Kimisagara bavugaga bati "turabona abantu bahungu", bati "kandi ikibabaje ni uko harimwo abasore". Abo b'abasore nibabagarikiye. Abemerewe guhunga ni bariya bavuye... bavuye iriya kure za Gikomero, iriya kure za Kabeza, ariko na bo ntibyababuze gu... gufatanyaga n'abandi kuri za bariyeri. Bagafatanyaga n'abandi aho bageze za Nyamirambo, aho bageze za Gikondo, noneho abagore bamara kubageza mu mazu dore ko bamwe babanje... bagiye mu mazu yavuwemo n'abantu, noneho bamara kubageza mu mazu bagafatanyaga n'abandi kuri bariyeri kugira ngo umwanzi naza bavugirize induru rimwe, bamuterere amabuye rimwe, bamuterere amacumu icya rimwe, hanyuma noneho na bo barinde uyu mujyi kuko si ngombwa gukomeza bahungu. aa... bakazarinda bagera za Cyangugu, nibarindire aho bageze.

Abari kuri za bariyeri rero mubuze abantu guhunga, abo bantu b'ibihuha, murumva ko ibihuha ni umuti, ni... ni kimwe mu bintu Inyenzi zikoresha kugira ngo zihabure abantu zibakure umutima noneho zibone uko zibigarurira.

Abantu bo mu Muhima na bo naravuga bati "nimuduhe imbunda zihagije, iziri kwa Konye zose zigane hepfo kuko ubu ngubu Inkotanyi zishaka kwambuka, nimuduhe imbunda tujye kwirwanira n'Inkotanyi mu Gasyata tuzirukankane tuzihakure, nimuduhe imbunda dutere tujye kurwana n'abafite imbu... na... na za Nyenzi zifite imbunda imwe ee... hariya harya hafi yo ku Giti cy'inanyi, nimut... nimuze tuzirukankane, nimuduhe imbunda tujye kurwana n'iziri... ee... n'iziri hari...

38min03sec

(Un silence de 3 secondes) ... ni mo zishaka kumenera, babahe ibikoresho, babahe ibikoresho, babahe abasirikare bamwe na bamwe bagiye bava ee... ku Kicukiro, abo na bo baraje, na bo babahe ibikoresho kugira ngo mushobore kurwanya iza Nyenzi-Inkotanyi. Mwumvise ko mu gitero zagerageje uyu muni kugaba hariya mu ntuzi... zigira ngo zitate zirebe ko abantu basinziriye, zanze rero ku... hariya muri Rugenge bari maso, nuko barazicucuma barazimara. Ubwo rero birumvikana yuko mukwiye gushikama mugashikama kabisa mukarwana n'Inyenzi-Inkotanyi.

39min00sec

Hanyuma... hinga rero mbagezeho ubutumwa bwanyu ku buryo bwihutirwa ... (un bruit extérieur)

... Batutsi baho, ni ugukomeza indoto y'ubuho no guhohotera rubanda nyamwinshi ndundi. Bikozwe:

- Na Deuxième Représentant régal w'Umuryango ADEBR, Depite MUGABO Pierre.
- N'Umuhuzabikorwa wa ADEBR, MUNYANKORE Lawurenti.

Bikaba bikorewe i Gitarama, itariki cumi n'umunani z'ukwezi kwa gatanu igihumbi kimwe magana cyenda mirongo cyenda na kane.

Ibi byo birumvikana nyine yuko Abatwa n'Abahutu bagomba gushyira hamwe. Mwumvise yuko

